Gutabarwa Mva-juru

Tekereza akaga k'umuntu uri mu kangaratete mu nyanja rwagati, y'amafi y'inkazi yo mu nyanja ashonje, amukubirije ashaka ku murya! Tekereza ukuntu wagira umunezero no gushima umuntu wagutabara akakuvana muri ako kaga. Ntagushidikanya, buri muntu wese uri ku isi yazimiriye mu nyanja y'ibibazo by'inzitane. Hakenewe ubutabazi butari ubwo mu bwato cyangwa muri kajugujugu, ahubwo ubutabazi bukomotse kuri Data wo mu ijuru. Imana iragukunda cyane ku buryo byatumye yohereza Umwana wayo Yesu ngo agutabare. Bishoboka ko Atari ubwa mbere wumva aya magambo, ariko se waba usobanukiwe nicyo bishaka kuvuga? Ubyumva ute kandi imibereho yawe yahinduka ite?

1. Koko Imana inyitayeho?

Dore icyo Imana ivuga: "Kuko wambereye inkoramutima kandi ukaba uwo kubahwa nanjye nkagukunda…" Yesaya 43:4. "Ni ukuri nagukunze urukundo ruhoraho,…" Yeremiya 31:3.

Igisubizo: Urukundo ruhoraho Imana idukunda rurenze byihabya ibyo umuntu ashobora gutekereza. Imana igukunda nkaho waba ari wowe wenyine wazimiriye muri yi si. Yesu yari kugupfira cyangwa akampfira niyo nta wundi munyabya wari kuba ari ku isi. Ibi ntukabyibagirwe kubera ko ufite agaciro kenshi mu maso y'Imana. Imana iragukunda.

2. Imana Yatugaragarije urukundo rwayo ite?

"Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwa ubugingo buhoraho." Yohana 3:16. "Iki ni cyo cyerekanye urukundo rw'Imana muri twe: ni uko Imana yatumye Umwana wayo w'ikinenge mu isi kugira ngo tubone uko tubeshwaho na we. Muri iki ni mo urukundo ruri: si uko twebwe twakunze Imana ahubwo ni uko Imana ari yo yadukunze, igatuma Umwana wayo kuba impongano y'ibyaha byacu." 1 Yohana 4:9,10.

Igisubizo: Kubera ko yadukunze cyane byatumye yemerako Umwana wayo ababazwa aho kugirango dutandukwanwe na Yo by'iteka. Ntituzigega dusobanukirwa ni byo Imana yakoze ariko yarabikoze, ibigirira wowe na njye!

3. Ni buryo ki Imana yashoboraga gukunda umuntu nka njye**?**

"Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha." Abaroma 5:8.



Igisubizo: Mu byukuri si uko nabikoreye nyangwa nari mbikwiriye. Ntacyo twakoreye muri yi si uretse urupfu kubera ko ibihembo by'ibyaha ari urupfu. (Abaroma 6:23). Urukundo rw'Imana ntirugira ikigombero. Imana ikunda abajura, abasambanyi, n'abicanyi. Ikunda n'abikunda, indyadya, ndetse n'abayituka. Nyamara, ibirenze ibyo byose nuko inkunda! Imana izi ko ibyaha ntahandi byanjyana uretse mu rupfu. Ni yo mpamvu ishaka kubimvanamo ikankiza. Ni cyo cyatumye Yesu apfa.

4. Urupfu rwe rumariye iki?

"Nimurebe urukundo rehebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b'Imana." 1 Yohana 3:1. "Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana." Yohana 1:12.

Igisubizo: Kristo yapfuye kugirango igihano cyanjye cy'urupfu cyibonerwe impongano. Yavutse nk'umuntu kugirango abone uko ababazwa urupfu rwari urwanjye. Anyemerera kwitirirwa ibyo yankoreye byose. Mu yandi magambo, imibereho ye izira icyaha yayigize iyanjye kugirango mbarwe nk'umukiranutsi. Imana yemeye urupfu rwe nk'impogano y'ibyaha byanjye, iyo nakiriye igitambo cye Imana inyakira nk'umwana wo m'uryango wayo. Ntabwo tubasha kubisobanukirwa!

Tubitekerezeho gato:

- Naciriweho iteka ryo gupfa kubera ibyaha byanjye.
- Nta nyishyu mfite uretse kubura ubugingo buhoraho, kubera ko mpfiriye ibyaha byanjye sinashobora kwizura. Naba pfuye by'iteka ryose.
- Ndimo umwenda ntashobora kwishyura uko byagenda kose! Inshuti yanjye Yesu iransanga irambwira iti : "Nzakwishyurira. Nzapfa mu mwanya wawe maze ubyitirirwe. Ntugomba gupfira ibyaha byawe."
- Nonese nakora iki uretse kwakira icyo mpawe! Ntibyoroshye se? Ndemera kumugaragaro kandi nakiriye urupfu rwe ho impongano y'ibyaha byanjye. Nahindutse umuhungu cyangwa umukobwa w'Imana.

5. Ni buryo ki mwakira nkava m'urupfu nkajya mu bugingo?

Emera ibi bintu bitatu gusa:
1. Ndi umunyabyaha. « Bose bakoze ibyaha… » Abaroma 3 :23.
2. Naciriweho iteka ryo gupfa. « Ibihembo by'ibyaha ni urupfu. » Abaroma 6 :23.
3. Sinshobora kwikiza. « Ntacyo mubasha gukora mutamfite. » Yohana 15 :5.

Noneho wezere ibi bintu bitatu:
1. Yarampfiriye. "Ngo asogongerere abantu bose urupfu." Abaheburayo 2:9.
2. Arambabarira. "Nitwatura ibyaha byacu ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose." 1Yohana 1:9.
3. Arankiza. "Uwizera niwe ufite ubugingo buhoraho." Yohana 6:47.

Igisubizo: Ku bwo gusaba, kwizera no kwakira impano ikomeye y'Imana ari yo Yesu Kristo.



6. Nakora iki kugira ngo mpwabwe iyi mpano y'agakiza?

"Ahubwo batsindishirizwa n'ubuntu bwayo ibibahereye ubusa, ku bwo gucungurwa kubonerwa muri Yesu Kristo." Abaroma 3:24. "Umuntu atsindishirizwa no kwizera, Atari imirimo itegetswe n'amategeko." Abaroma 3:28.

Igisubizo: Icyo nakora gusa ni ukwakira impano izira

amakemwa. Imirimo yanjye yo kumvira ntacyo yamarira m'ugutsindishirizwa (gubarwa nk'umukiranutsi). Abasaba agakiza bizeye bose baragahabwa. Umunyabya ruharwa n'umunyabyaha urari ruharwa bose bakirwa kimwe. Ibya kera ntibiba bikibukwa. Wibuke ko Imana idukunda twese kimwe, ikababarira usaba imbabazi. "Mwakijijwe n'ubuntu ku bwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana. Ntibyavuye o ku mirimo kugira ngo hatagira umuntu wirarira,.." Abefeso 2:8,9.

7. Iyo ninjiye m'umuryango w'Imana kubwo kwizera, ni buryo ki Yesu ahindura imibereho yanjye?

""Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya." 2 Abakorinto 5:17.

Igisubizo: Iyo Kristo yinjiye mu mutima w'umuntu, yirukanamo ukwikunda kose maze akaguhindura icyaremwe gishya. Umuntu ntabe akirarikira ya mibereho ya kera y'ibyaha. Noneho nkiyumvamo umunezero n'umudendezo byo kudacirwaho iteka. Nkabona ukuntu imibereho yanjye ntacyo ari cyo Yesu atayirimo. Aho kurya utumvungukira two ku meza y'Umwami ngasangira nawe ku meza amwe. Umunota umwe uri kumwe n'Imana uruta byihabya igihe cyose umuntu atakaza akorera Satani. Mbega ingurano ihambaye! Ni mpamvu ki yatumye mara iki gihe cyose ntarakira iyi mpano y'agakiza gatangirwa ubuntu muri Yesu?

8. Imibereho yanjye yanjye mishya ishobora kunzanira umunezero uruta uw'imiberaho njye ya kera?

Yesu yaravuze ati: "Ibyo mbibabwiriye kugira ngo umunezero wanjye ube muri mwe, kandi n'umunezero wanyu ube wuzuye." Yohana 15:11. "Nuko Umwana nababatura, muzaba mubatuwe by'ukuri." Yohana 8:36. "Ariko jyeweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo , ndetse ngo zibone bwinshi." Yohana 10:10.

Igisubizo:

Benshi bibwira ko nta munezero uboneka mu mibereho ya gikirisito bitewe nibyo abantu babuzwa byinshi bagasabwa no kwiyanga. Nyamara siko biri. Iyo wakiriye urukundo rwa Yesu, isoko y'umunezero ihita idudubiza muri wowe. Amahoro n'umunezero bidasanzwe **bikagusabamo**. Maze koko ugatwarwa! Ntaho bihuriye n'imibereho yakera yo kwikunda no kutagera kubyo ushaka. Nk'inzozi mbi, imibereho ya kera ibabaza igenda nka nyomberi, none ho ukagira imibereho mishya yuzuye umunezero Imana iba igushakira.

Ntamunezero kw'isi ushobora kugereranywa n'ibyishimo n'umunezero by'abakristo.

9. Nakwishoboza ubwanjye ibintu byose umukristo asabwa gukora?

Nta kintu nakimwe ku isi wagereranya n'umunezero wo mu rwa Gikristo. rugo nyamara si jye uriho, "Nabambanywe na Kristo ariko ndiho, Abagalatiya 2:20. ahubwo ni Kristo uriho muri jye." imbaraga." Abafilipi "Nshobozwa byose na Kristo umpa 4:13.

Igisubizo: Aha ni ho hagaragarira igitangaza gikomeye mu mibereho ya Gikristo. Nta muntu wakwigira intungane! Icyo wakora nk'umukristo ni ukureka imibereho y'undi muntu utari wowe ikakwinjiramo. Iyo wabyawe n'Imana uhinduka icyaremwe gishya noneho

imibereho yawe ikaba iyo kumvira Imana **bitewe** nuko imibereho yawe ni y'Imana yunze ubumwe. Gushaka kunezeza uwo ukunda bikubera umunezero aho kukubera umutwaro. "Mana yanjye nishimira gukora ibyo ukunda, Ni koko amategeko yawe ari mu mutima wanjye." Zaburi 40:8.

10. Ushaka kuvuga ko n'amategeko cumi byanyorohera kuyubahiriza?

"Nimunkunda muzitondera amategeko yanjye." Yohana 14:15. "Kuko gukunda Imana ari uku:ari uko twitondera amategeko yayo kandi amategeko yayo ntarushya 1 Yohana 5:3. "Ariko umuntu wese witondera ijambo rye, urukundo akunda Imana ruba rumaze gutunganirizwa rwose muri we." 1 Yohana 2:5.

Igisubizo: Bibiliya ihuza kumvira n'isano inshingiye k'urukundo. Gukomeza amategeko **cumi** ntibikomerera abakristo babyawe ubwa kabili. Ibyaha byanjye bya kera bimaze gutwikirwa n'urupfu rwe rw'impongano, kumvira kwanjye ko muri ki gihe no mu gihe kizaza bishingira ku mibereyo yo kunesha iri muri jye. Bitewe nuko mukunda kubera ko yahinduye imibereho yanjye, nkora ibirenze ibisabwa n'amategeko **cumi**. Nshakisha muri Bibiliya buri munsi icyampishurira ubushake bwe n'ubundi buryo bwose bwatuma mugaragariza ko mukunda. "Icyo dusaba cyose tugihabwa na yo, kuko twitondera amategeko yayo tugakora ibishimwa imbere yayo." 1 Yohana 3:22. Gutsindagira cyangwa gushimangira kwongeweho.

11. Ni ki cyanyemeza ko gukomeza amategeko bivugwa muri Bibiliya atari gushaka guheshwa agakiza na yo?

"Aha ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera nk'ukwa Yesu." Ibyahishuwe 14:12. "Na bo bamunesheshe amaraso y'Umwana w'Intama n'ijambo ryo guhamya kwabo, ntibakunda amagara yabo, ntibanga no gupfa." Ibyahishuwe 12:11.

Igisubizo: Ntukwiriye kwitiranye kumvira amategeko no gushaka kubonera agakiza muri yo. Gushaka gukizwa n'amategeko ni ugukora imirimo myiza twizera ko byaduhesha agakiza. Abera bavugwa muri Bibiliya bagarangwa n'ibintu bine: (1) gukomeza amategeko (2) kwizera amaraso y'Umwana w'Intama. (3) gusangira n'abandi ibyo bizera. (4) guhitamo gupfa aho gucumura ku Mana. Ibi ni byo biranga umuntu wese ukunda Kristo kandi akaba yariyemeje kumukurikira ubuzima bwe bwose.

12. Ni uwuhe muhango ushimangira isano y'urukundo dufitanye na Kristo, kandi uwo muhango ushushanya iki?

"Nuko rero, ku bw'umubatizo twahambanywe na we mu rupfu rwe, kugira ngo nk'uko Kristo yazuwe n'ubwiza bwa Data wa twese, abe ari na ko natwe tugendera mu bugingo bushya." "kugirango umubiri w'icyaha ukurweho." Abaroma 6:4, 6. "kuko mbafuhira ifhe ryo mu buryo bw'Imana, kuko nabakwereye umugabo umwe ari we Kristo, ngo mubashyingire mumeze nk'umwari utunganye." 2 Abakorinto 11:2.

Igisubizo:
Umubatizo ushushanya ibintu bitatu by'ingenzi mu mibereho y'umwizera: (1) gupfa ku cyaha, (2) kuvukira mu mibereho mishya muri Kristo, (3) gushyingirwa Kristo bitagira iherezo. Uku gushyingirwa mu by'umwuka kugenda gukura kandi kuryohera uko bihe bihaye ibindi, n'uko urukundo rugenda rukura. Nk'uko bigendekera gshyiranwa kose, gupfa k'urukundo guhindura icyari paradiso kigahinduka gihenomu. Iyo urukundo rubuze, abashyingiranwe bakomeza kubana bishingiye ku mategeko gusa. Ni nako bigendekera umuntu wese

utagikunda Kristo kuruta ibindi byose. Asigara ari mu idini, agakomeza amategeko agenga iryo dini gusa ariko nta rukundo rukiharangwa.

13. Nakwemezwa n'iki niba kwizera n'urukundo bikomoka m'ugushyingiranwa na Kristo bizakomeza kwiyogera?

"Murondora mu byanditwe." Yohana 5:39. "Musenge ubudasiba." 1 Abatesalonike 5:17. "Nuko rero nk'uko mwakiriye Kristo Yesu Umwami wacu abe ari ko mugendera muri we." Abakolosayi 2:6. "Ndabarahira yuko mpora pfa uko bukeye." 1 Abakorinto 15:31.
Igisubizo: Nta rukundo rokomeza kubaho iyo abashakanye bataganira. Gusenga no kwiga Ijambo ry'Imana ni ingenzi cyane mu gutuma isano yo gushyiranwa ikomeza igakura. Ijambo rye n'ibarwa y'urukundo ngomba gusoma buri munsi kugira ngo ngaburire imibereho yanjye mu by'umwuka. Guganira nawe mu masengesho byagura ibitekerezo byanjye bigatuma nsobanukirwa n'uburyo ankunda kandi akanyitaho. Ndushaho gusobanukirwa buri munsi n'uburyo anteganiriza ibinshimisha.

Imana ifatanisha icyimenyetso gushyingirwa kwacu
TGufatanisha gushyirwa kwacu ikimenyetso cy'iteka abingaragariza mu magambo meza ko atazantererana.(Zaburi 55:23; Matayo 28:20; Ababeburayo 13:5), akanyitaho mu gihe ndwaye cyangwa ndi muzima (Zaburi 41:3; Yesaya 41:10), akamara ubukene (Matayo 6:25-34). Kubera ko namweye kubwo kwizera nkomeza kunyurwa n'amasezerano ye, nkarushaho kumwiringira kuko nta nari mwe ajya ampana.

14. Ndifuza kurarika Yesu mu mibereho yanjye kugirango mbyarwe ubwa kabili.

Igisubizo:

Ibibazo byo gutekereza:
1. Ni buryo ki urupfu rw'Umuntu umwe rwaba inshungu y'ibyaha bene muntu bose? Nabayeho imibereho iteye ubwoba y'ibyaha. Mfite ubwoba ko ntacyo Imana yakora kidasanzwe kugirango ikize umuntu umutwaro w'ibyaha. (Ababeburayo 7:25)

Mu Baroma 3:23 tubwirwa ko "bose bakoze ibyaha". Bitewe nuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu (Abaroma 6;23) kandi bose "bakaba barakoze ibyaha" hari "ikintu kidasanzwe" kigomba gukorerwa umuntu wese wavukiye muri iyi si. Umuntu umwe rukumbi wagize imibereho nk'iya bene muntu niwe wagombaga gupfira ibyaha by'abatuye isi. Bitewe nuko Yesu ari Umuremyi n'Umuhanzi w'ubuzima bwose ubugingo yatanze bwari buhwanye n'ubugingo bw'abantu bose bagombaga kubaho. Impongano y'ibyaha ntiyatanzwe nuwashoboraga guhagararira bene muntu bose, iyo mpongano yo m'urupfu yatanzwe n'uwari afite ububasha bwo kuzuka mu bapfuye. Kubera iki? Kugirango ahe inyungu buri wese uzabisaba yizeye. "Ni cyo gituma abasha gukiza rwose abegerezwa Imana na we, kuko ahoraho iteka ngo abasabire." Abaheburayo 7:25.

2. Ndamutse nakiriye Yesu n'imbabazi ze none nkaza gusubira inyuma. Mbese yakongera akambabarira? (1 Yohana 1:9)

Twakwizera ko Imana yakongera kutubabarira turamutse tubabajwe ni cyaha twakoze kandi tukacyatura. "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose." 1 Yohana 1:19.

3. Nabasha kwegera Imana nte kandi ndi umunyabyaha? Ntibyaba byiza ko nagira umupadiri cyangwase umupasitoro wanvuganira ku Mana, akansengera? (Ababeburayo 4:16)

Bitewe nuko Yesu yabayeho imibereho y'umuntu "akageragezwa uburyo bwose nkatwe twese" (Abaheburayo 4:15), dufite Imana ishobora gusobanukirwa ni byacu kandi ikaba yifuza kutugirira ubuntu. Mu Baheburayo 4:16 hatubwira ko "dushobora kwegera intebe y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye." Twakwegera Imana bitaziguye, tunyuze kuri Yesu, ntawitambitse hagati, twizera ubuntu bwa Yo, twakwegera Imana mu izina rya Yesu tudatinya. (Yohana 14:14) Mu rwandiko rwa mbere rwa Timoteyo 2:5 dusoma aya magambo: "Kuko hariho Imana imwe, kandi hariho Umuhuza umwe w'Imana n'abantu, na we ni umuntu ari we Yesu Kristo."

4. Haricyo nabasha gukora ngo mfashe Imana kunkiza? (Abaroma 4:5)

Ntacyo. Gahunda y'Imana ishingiye k'ubuntu bwayo gusa (Abaroma 3:24; 4:5); ni impano y'Imana. "Abefeso 2:8. Ni iby'ukuri koko ko nkuko Imana itugabira ubuntu kubwo kwizera ni nako itera muri twe icyifuzo n'imbaraga zo kuyumvira. Ibi bidushoboza gukomeza amategeko yayo. Ni koko no kumvira Imana tubikomora k'ubuntu bwayo nta kiguzi. Kumvira –umurimo n'ubuyoboke bishingiye k'urukundo – n'igipimo cyo kuba umwigishwa n'ingaruka y'amatunda yo kwizera Yesu Kristo.

5. Niba Imana imbabarira ibyaha ikankomorera kuba mu muryango wa yo, ni ukuvuga ko ari nta gihano kizambaho ku bw'ibyaha byanjye cyangwa se hari ibyo nsabwa gukora byo kubabaza umubiri wanjye kugirango mbashe kubabarirwa? Mika 7:18)

Dore uko ibyanditswe bivuga, "Nuko rero noneho abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho." Abaroma 8:1. Kristo yishyuye igihano cy'ibyaha byacu byose, bityo rero abamwemera kubwo kwizera nta kindi babazwa, nta kwibabaza bagomba gukora kugirango babe bejejwe. Bagaragara nka buhagijwe amaraso y'Umwana w'Intama! Yesaya 43:25 irimo amasezerano meza y'imbabazi: "Ubwanjye ni jye uhanagura ibicumuro byawe nkakubabarira ku bwanjye, kandi ibyaha byawe sinzabyibuka ukundi." Naho muri Mika 7:18,19 tuhabonera inyifato nziza y'Imana-Umucunguzi ku bw'abantu bayo: "Ni iyihe Mana ihwanye nawe ibabarira gukiranirwa, ikirengagiza igicumuro cy'abasigaye b'umwandu wayo? Ntihorana uburakari bwayo iteka, kuko yishimira kugira imbabazi. Izaduhindukirira kutugirira ibambe, izaribatira ibicumuro byacu munsi y'ibirenge byayo. Kandi uzarohera imuhengeri w'inyanja ibyaha byabo byose."

Ibibazo byo dusubizwa

1 Ni muyihe mpano Imana yatangiye mo ijuru ryose?
- **__ Bibiliya**
- **__ Itorero ryayo**
- **__ Yesu Kristo**
- **__ Amategeko**

2 Urukundo rutangaje isi itigeze imenya rwagaragariye (1)
- **__ Mu mitsima n'amafi**
- **__ Mu rupfu rwa Yesu k'umusaraba**
- **__ Muri pentekositi**
- **__ Mu kwicuza kwa Petero**

3 Yesu yapfiriye
- **__ Buri wese**
- **__ Abakiranutsi gusa**
- **__ Abakiranirwa gusa**
- **__ Abateganirijwe agakiza**

4 Ni muntu ki Imana ikunda kurusha abandi? (1)
- **__ Abizera b'itorero**

__ Indaya n'abajura
__ Bose ibakunda kimwe
__ Abakristo babyawe ubwa kabiri

5 Yesu yavukiye mu muryango wa kimuntu kugira ngo
__ Yishyure igihano cy'ibyaha
__ Amenye intege nke zacu
__ Abe umubaji winzobere

6 Kugirango umuntu abone agakiza agomba(1)
__ Kwiga Bibiliya
__ Kugira Itorero abarirwamo
__ Kuvuga mu ndimi
__ Kwemera kukakira nk'impano.

7 Duheshwa agakiza (1)
__ N'imirimo myiza
__ Kubw'ubuntu
__ No kukifuza

8 Kugirirwa imbabazi no kwemerwa bituma twiyumvamo (1)
__ Ko dushobora kwongera gukora ibyaha
__ Ko tubabazwa n'ibitunezeza twabujijwe
__ Umunezero n'amahoro
__ Ubwinshingizi bw'ubugingo buhoraho

9 Kwumvira bigomba gushingira ku
__ Gutinya gihenomu
__ Gushaka kwemerwa n'inshuti
__ K'urukundo dukunda Yesu

10 Inyifato ya gikirisito, gukomeza amategeko byerekana ko
__ Dutwarwa n'amategeko
__ Ari rimwe mu matunda yo guhinduka nyako
__ Ntacyo bivuze

11 Gushyingirwa Kristo bishushanywa
__ No kwinjira mu kigo cy'abihayimana
__ N'umubatizo
__ N'impeta ya kushyingirwa yambrwa k'urutoki rw'iburyo
__ No gusezerana kutazashyingirwa

12 Uburyo bubiri twakomeza kuguma m'urukundo rwa Kristo ni (2)
__ Kwiga Bibiliya buri munsi
__ Gutanga ituro udahatiwe
__ Kutarya ingurube
__ Kuhora mu nyifato yo gusenga